

3/11/18

Ubutumwa bwa Padiri Jim.



Abo bose batoranijwe ku masakaramentu ya Pasika abo bose kandi turabashimira tubikuye ku mutima . Muri ikigisibo cy'uyumwaka twitegura ho umunsi mukuru wo kwakira umucunguzi wacu Yezu kristu .Turasenga twese hamwe dushimira Imana rurema ariyo mugenga wa twese Nyagasani .

Isomo ry'ivanjiri , umugabo yavutse ari impumyi k'umubiri n'impumyi m'uburyo bwa Gikristu . Iyo uri impumyi m'uburyo bw'iyobokamana ariko ukaba uteye neza kubundi buryo. Ubwo se wahitamo kuba impumyi mubijyanye n'Imana cyangwa wahitamo kuba impumyi mubyerekeranye n'ubuzima busanzwe niho hari ikibazo . Mubyukuri buri muntu wese w'umukristu yumva yahora ari kumwe n'ijambo ry'Imana burigihe . Nyagasani uduhe imbaraga zose muri ikigihe cy'igisibo ,dufashanye duha amahoro abo tubana nabo muri make iyo ubaniye neza n'abagenzi bawe. Iyinkuru irerekana ko ibyaha mubyukuri bitatugira impumyi k'umubiri ahubwo bitugira impumyi kuri roho zacu. Ariko m'umwuka wera dushobora kureba byose , Umwuka wera w'Imana ushobora kutuyobora ahantu hose tugomba kujya m'ubuzima bwacu bwose . Iyo umukristu mwiza akoze neza imirimo imugomba ,agasenga ,agafasha abakene no gusura ababurwayi rwose dushobora guhindura imyuyumvire y'isi .

Mukwa gatatu italiki ya 18 nyuma ya misa 10:30 am hazaba gusangira twese hamwe abakristu ba mutagatifu Lewo mwese musabwe kuzana ibifungurwa nk'amasupu Kandi uwo muhango uzabera munzu yo hasi hamwe n'abakristu bose kandi ushobora kuzana n'umushitsi wawe rwose mwese muratumiwe uwo munsi ?

Iyobokamana , amasomo yose atangwa mu rurimi rw'Icyongereza kandi atangwa burigihe kucyumweru mu masaha ya sassita kugeza sasaba z'amanywa.Byose bibera mu mazu ya Paruwasi ya mutagatifu Lewo.

Porogaramu y'abana ,ni abanyeshuri kuva 10kugeza 12 cyangwa kuva 13 kugeza kuri 18 biba ku cyumweru 3/11/18

Abakorera bushake bo gutunganya akanyamakuru kacu kaburi kwezi dukeneye kuva kuri batanu kugeza kuri batandatu 6.Urebye tuba tubakeneye cyane kucyumweru cya gatatu cya buri kwezi . Hari ubikeneye yahamagara Casey kuri 513 921-1044 ext 30 .

Santa Maria , ku cyumweru bazaba bafite imurikwa ni 4/8 kuva 12-3pm kuri Price Hill Dore address yaho ni 959 Hawthorne avenue ,Cincinnati Oh 45205. Abazisumisha bose ni Ubuntu byose bizatangirwa kandi hazaba hari n'icyo kunywa no kurya . Abashaka n'ibindi bisobanuro bahamagara kuri 513-557-7249. Amahoro y'Imana.